**UBUTUMWA BW'UMWEPISKOPI WA DIYOSEZI YA RUHENGERI BUFASHA ABAKRISTU GUHIMBAZA PASIKA MURI IBI BIHE BITOROSHYE BY'ICYOREZO CYA KORONAVIRUSI**

Basaserdoti, Bihayimana, Bakristu bavandimwe,

Kristu Yezu akuzwe.

Nk'uko mubizi, twugarijwe n'icyorezo cya koronavirusi, ariko dufite amizero muri Nyagasani. Nongeye kubasaba gukomeza isengesho ryo gutakambira Imana ngo idutabare ari na ko twihatira kurushaho kugaragaza ibikorwa by'urukundo, dutabara abashonje n'imbabare kubera ingaruka z'iki cyorezo. Turashima ingamba zo kurengera ubuzima bw'abantu bose igihugu cyacu cyafashe. Ndabashishikariza kandi kubahiriza amabwiriza y'Abayobozi b'igihugu cyacu adufasha gukumira ikwirakwira ry'iki cyorezo.

Ubwo tutazashobora guhurira hamwe nk'uko byari bisanzwe mu guhimbaza iminsi mikuru ya Pasika yegereje, nshingiye kandi ku mabwiriza twahawe n'Ibiro Bikuru bya Papa, n'ubutumwa bw'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda bwo kuwa 24/3/2020, mbararikiye guhimbaza Pasika ku buryo bukurikira:

- Mu minsi nyabutatu ya Pasika, Umwepiskopi muri Paruwasi Katedrali, kimwe n'abapadiri muri kiliziya za paruwasi barimo, bazahimbaza amayobera ya Pasika nta bandi bakristu bari kumwe, hubahirijwe ingamba zo kwirinda no kurinda abandi. N'ubwo tutazaba turi kumwe imbonankubone tuzaba twunze ubumwe mu kwemera tubifashijwemo na Radio Mariya Rwanda na Energy Radio n'ubundi buryo buzashoboka. Imiryango y'abihayimana n'iy'abakristu muri rusange izakomeza gufashwa nk'uko bisanzwe mu isengesho no guhimbaza urupfu n'izuka rya Nyagasani mu ngo.

- Kuwa Kane Mutagatifu, nta Misa y'Amavuta izaba. Yimuriwe ku munsi nzabamenyesha mu gihe gikwiye. Misa y'Isangira rya nyuma yo izaba saa kumi n'ebyiri z'umugoroba (18h00). Kuwa Gatanu Mutagatifu saa cyenda (15h00) tuzahimbaza ububabare bwa Nyagasani dusabira ku buryo bw'umwihariko abapfuye, abarwayi n'imbabare. Kuwa Gatandatu Mutagatifu, igitaramo cya Pasika kizatangira saa kumi n'ebyiri z'umugoroba (18h00). Kuri Pasika, Umunsi mukuru w'Izuka rya Nyagasani, Misa izatangira saa tatu za mugitondo (9h00).

Mbifurije gukomeza kwitegura neza guhimbaza ibabara, urupfu n'izuka bya Nyagasani. Kwemera ko Kristu yatsinze urupfu akatwugururira amarembo y'ubuzima bizadufashe no mu kwibuka ku nshuro ya 26 Jenoside yakorewe abatutsi. Ni muri uko kwemera dukomeje kandi gutakambira Imana ngo idukize iki cyorezo cya Koronavirusi. Dukomeze duture Imana isengesho ryacu twisunze Bikira Mariya, Umwamikazi wa Fatima. Muzagire Pasika Nziza.

Ruhengeri, kuwa 5/4/2020

**✠Vincent HAROLIMANA**
**Umwepiskopi wa Diyosezi ya RUHENGERI**